REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYEPFO

AKARERE KA KAMONYI

B.P. 03 MUHANGA

E-mail: kamonyidistrict@yahoo.fr

IBYEMEZO BY'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAMONYI N°011 /07.02/08/CD

IBYEMEZO BY'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAMONYI IGIHEMBWE CYA II / 2011 YATERANYE KU WA 22 KAMENA 2011

Kuri uyu wa Gatatu tariki ya **22 Kamena 2011** ku biro by'Akarere ka **KAMONYI** guhera saa yine za mu gitondo **(10H00)** hateraniye inama isanzwe y'Inama Njyanama iyobowe n'Umuyobozi w'Inama Njyanama Bwana **KARURANGA Emmanuel** inama yatangijwe isengesho. Umuyobozi w'inama yamenyesheje Abajyanama ko Umujyanama **UTAMURIZA Christine**, Umujyanama **NTABANA Yves** n'Umujyanama **NYONI Lambert** bataribwitabire inama kubera impamvu bamenyesheje.

Umuyobozi w'inama yibukije Abajyanama ingingo ziribusuzumwe n'Inama Njyanama:

1. **Kwemeza inyandikomvugo y'Inama Njyanama yo ku wa 23 Werurwe 2011**
2. **Ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari 2010 – 2011 no gusuzuma no kwemeza gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari y'umwaka wa 2011- 2012 y'Akarere ka KAMONYI**
3. **Kwemeza Abakozi**
4. **Kwemeza ibiciro by'Imirenge n'ubutaka n'abagize Komisiyo z'ubutaka ku rwego rw'Akarere**
5. **Ibindi**

Abajyanama bamaze kungurana ibitekerezo ku ngingo ziri busuzumwe bemeje ko ingingo zikurikira ziyongera ku zindi ngingo ziribusuzumwe n'Inama Njyanama:

- **Raporo z'Amakomisiyo agize Inama Njyanama**
- **Ibipimo by'imisoro bizakurikizwa mu Karere ka KAMONYI umwaka wa 2011 - 2012**
- **Kwemeza inama y'Ubutegetsi y'Ibitaro bya REMERA RUKOMA**
- **Gahunda yo kwibuka rwazize jenoside yakorewe Abatutsi**
- **Poste de Sante ya BUSORO**
- **Ibaruwa yanditswe na TWAGIRAYEZU Innocent**

***Abajyanama bamaze kungurana ibitekerezo kuri gahunda ziribusuzumwe, bafashe ibyemezo bikurikira*:**

Ingingo ya 1 : Kwemeza inyandikomvugo y'Inama Njyanama yo ku wa 23 Werurwe 2011

Abajyanama bamaze kuyikorera ubugorangingo bemeje inyandikomvugo y'inama y'Inama Njyanama yo ku wa **23 Werurwe 2011.**

6. **<u>Ingingo ya 2</u>: Ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari 2010 – 2011 no gusuzuma no kwemeza gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari y'umwaka wa 2011- 2012 y'Akarere ka KAMONYI**

Abajyanama bamaze gukorera ubugorangingo gahunda y'ibikorwa by'Akarere ka **KAMONYI 2011 - 2012** bayemeje, iyi gahunda y'ibikorwa ikaba izatwara amafaranga angana na **10 776 147 526 .** Abajyanama bemeje kandi ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari **Nyakanga 2010 - Kamena 2011**

Ku mugereka w'ibi byemezo murahasanga gahunda y'ibikorwa umwaka wa **2011 - 2012** y'Akarere ka **KAMONYI** na raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari umwaka wa **2010- 2011**

<u>Ingingo ya 3</u> : **Ibipimo by'imisoro bizakurikizwa mu Karere ka KAMONYI umwaka wa 2011 - 2012**

Abjyanama bemeje ibipimo by'imisoro n'amahoro bizakurikizwa mu Karere ka **KAMONYI** umwaka wa **2011 - 2012**, ariko basaba ko inama za Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu yagiriye Ubuyobozi bw'Akarere zakubahirizwa. Mu rwego rwo gufasha abarema isoko rya **KAMUHANDA** no kwinjiza imisoro mu Karere, Abajyanama bemeje ko uretse iminsi ryari risanzwe riremeraho hakwiyongeraho umunsi wo ku wa **Gatandatu**.Naho isoko rya **GACURABWENGE** rizajya rirema kabiri mu cyumweru ni ukuvuga; ku wa **Kabiri** no ku wa **Gatandatu.**

Abajyanama basabye ko Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu izareba andi Masoko abaturage bifuza kongererwa iminsi yaremagaho.

Ku mugereka w'ibi byemezo murahasanga ibipimo by'imisoro bizakurikizwa mu Karere ka **KAMONYI** umwaka wa **2011 - 2012**

<u>Ingingo ya 4</u>: Gusuzuma no kwemeza ingengo y'imari by'umwaka wa 2011 - 2012 by'Akarere ka KAMONYI

Abajyanama bemeje ingengo y'imari y'umwaka wa **2011 - 2012** izakoreshwa n'Akarere ka **KAMONYI** , ikaba ingana **7 021 796 241**.

Kuri iyi ngingo Abajyanama bemeje ibi bikurikira:

- Kubera ko Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge bakoresha amafaranga menshi mu itumanaho, hemejwe ko amafaranga y'itumanaho ava ku bihumbi makumyabiri **(20.000),** bakazajya bahabwa amafaranga y'itumanaho angana n' ibihumbi mirongo itanu **(50 000).**

Ku mugereka w'ibi byemezo murahasanga ingengo y'imari y'umwaka wa **2011 - 2012** izakoreshwa n'Akarere ka **KAMONYI**

<u>Ingingo ya 5</u>: Kwemeza Abakozi

Abajyanama bamaze kugezwaho na Perezida w'Akanama gashinzwe kujonjora Abakozi mu Karere Bwana **KARANGWA Ephrem**, raporo y'ibizamini byakozwe; Abajyanama bamaze kandi kugezwaho raporo ya **Komisiyo y'Abakozi ba Leta**, yemereraga Ubuyobozi bw'Akarere gushyira mu myanya Abakozi batsinze ibizamin ni;

Abakozi bashyizwe mu myanya ku buryo bukurikira:

Nº	**UMWANYA**	**UWATSINDIYE UMWANYA**	**AMANOTA %**
01	Umunyamabanga w'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere	**NYAKUBYARA Devotha**	75
02	Ushinzwe ibikorwa remezo mu Karere	**MUVUNA Jules**	80
03	Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari	**MUSONERA Theoneste** **ABAKIRIHO Marc** **SERUTAGOMA Gaspard**	85 84 80
04	Umunyamabanga nshingwabikorwa w'Akagari wungirije	**MUKANTAGENGWA Xaverine** **MUZIGABANGA Gloriose**	90 87
05	Abashinzwe imiturire mu Mirenge y'Umujyi	**BIZIMANA Parfait** **MARONKO Leonce** **MUTAYOMBA Papias** **GATSINZI Aléxis** **KANAMUGIRE Eugène** **KARANGWA Justin** **IRAGUHA Faustin**	79 71 71 71 70 70 70
06	Umushoferi wa Farumasi y'Akarere	**RUMONGI Silas**	80
07	Umukozi wa Mutuelle de Santé ushinzwe kugenzura inyemezabuguzi ku kigo nderabuzima cya **CYERU**	**MUKAYISENGA Marthe**	82

- **Kuri iyi ngingo , Abajyanama bemeje imyanya igomba gutangazwa kugirango ipiganirwe:**

Nº	**UMWANYA**	**ICYONGERWAHO**
01	Umugenzuzi bwite w'Akarere wa kabiri	Uwari muri uyu mwanya yarasezeye kandi ubwo watangazwaga hamwe n'indi, abakoze bose nta

		n'umwe watsinze
02	Umubaruramari wa **"Mutuelle de Santé"** mu Karere	Ni umwanya mushya **MINISANTE** yasabye ko uyu Mukozi yashyirwaho
03	Véterineri w'Umurenge wa **NGAMBA**	Uwari muri uwo mwanya yarasezeye .
04	Abashinzwe Uburezi mu Mirenge yose	Ni Umwanya uteganyijwe kuri **"Cadre Organique" , MINEDUC** ishingiye ku myanzuro y'Inama y'Abaminisitiri yo ku wa **11Gicurasi 2011,** yasabye ko uyu mwanya washyirwamo Abakozi.

Ingingo ya 5: Kwemeza ibiciro by'ubutaka

Abajyanama bamaze kugezwaho ibiciro by'ubutaka babyemeje, nkuko byasabwe n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe ubutaka **"National Center Land".**

Ku mugereka w'ibi byemezo murahasanga ibiciro by'ubutaka bizakurikizwa mu Karere ka **KAMONYI**

- Abajyanama bakaba bagejejweho gahunda yo kwibuka Urubyiruko rwazize jenoside yakorewe Abatutsi muri **Mata 1994,** biyemeza kuzifatanya n'Urubyiruko no gukangurira n'abandi baturage mu kwibuka urubyiruko rwazize jenoside.
- Abajyanama bafashe umwanzuro wo gusubika inama ingingo zisigaye zikaba zizigirwa mu nama idasanzwe y'Inama Njyanama.

Inama yashoje imirimo yayo saa cyenda n'iminota mirongo itatu **(15H30),** Umuyobozi w'inama ashimira abayitabiriye n'imyanzuro myiza yafatiwe muri iyi nama.

Ku mugereka w'ibi byemezo murahasanga urutonde rw'Abajyanama bafashe icyemezo kuri buri ngingo.

NIKUZE Marie Chantal **KARURANGA Emmanuel**

Umunyamabanga w'Inama Njyanama **Umuyobozi w'Inama Njyanama**